Bibiliya y'abana
irerekana



Umukuru w'urusengero asura Yesu

yanditswe na: Edward Hughes
yashushanyijwe na: Byron Unger; Lazarus
yahujwe na: M. Maillot; Sarah S.

Alastair Paterson

yahinduwe na: Yohani Batisita B.
yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org

BFC
PO Box 3
Winnipeg, MB R3C 2G1
Canada

©2020 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.

Umunsi umwe Yesu ajya mu rusengero, asanga abaturage baratesheje agaciro inzu y'Imana. Bacururizagamo amatungo kandi bavunjira n'amafranga mu rusengero.



Abohekanya imigozi nk'ikiboko, Yesu abirukana bose mu rusengero. "Mukureho ibi bintu", niko Yesu ategetse. mureke guhindura inzu ya Data isoko. Yesu yakundaga Inzu ya se.





Abayobozi basaba ikimenyetso cyerekana ko afite uburenganzira bwo gusukura urusengero. "Ni musenye uru rusengero nanjye nzarwubaka mu minsi itatu." uko niko Yesu yabasubije. Ndibishoboka! uru rusengero rwubatswe mu minsi mirongo ine n'itandatu.

Ariko Yesu urusengero yavugaga ni umubiri we. Kimwe nk'urusengero umubiri wa Yesu wari ubuturo bw'Imana. Nubwo yari agiye gupfira ku musaraba yari azi ko Imana izamuzura mu bapfuye ku munsi wa gatatu.



Mu ijoro, umwe mu batware b'abayuda asura Yesu. Yari azi Yesu ko yaturutse ku Mana kubwo ibitangaza yakoze. Nikodemu yaje kwa Yesu kugira ngo amenye iby'Imana.

Yesu abwira Nikodemu ko umuntu agomba kuvuka bwa kabiri kugira ngo abone ubwami bw'Imana. Nikodemu ntabwo yabyumvise neza. Ni gute umuntu ukuze yahinduka uruhinja? Kandi yari umwigisha. Ibyo birahagije?

"Ikibyarwa n'umwuka ni umwuka", byasobanuwe na Yesu. Umwuka w'Imana umeze nk'umuyaga. Abantu ntibareba cyangwa ngo bamenye umuyaga. Bareba gusa ibyo umuyaga wakoze.

Yesu yibutsa Nikodemu uburyo abana b'isirayeli bitotombeye Mose hashize igihe kirekire. Nta biryo dufite, nta mazi, ntidushaka umugati Imana yaduhaye. Uko niko bariraga.

Ibyaha by'abantu birakaza Imana. Ibohererereza inzoka zifite ubumara bwica. Inzoka zirabaruma. Benshi barapfa.



Twakoze ibyaha. Dusenge
Imana idukize izi inzoka,
abaturage baratakamba.
Maze Mose arabasengera.
Ariko Imana ntabwo
yabakijije izo nzoka.

Imana isaba Mose gukora inzoka mu cuma akayimanika ku giti. "Umuntu wese uzarumwa n'inzoka akayireba azabaho." Imana irabibasezeranya. Mose akora inzoka mu muringa uyirebye wese agakira.


Yesu abwira Nikodemu ati: umwana w'Imana azamanikwa nk'inzoka y'umuringa. Yesu yavugaga umusaraba azapfiraho kubera ibyaha byacu.

Yesu avuga ati: "Kuko Imana
yakunze abari mu isi cyane
byatumye itanga umwana
wayo w'ikinege kugira
ngo umwizera wese
atarimbuka ahubwo
ahabwe ubugingo
buhoraho."

Ibi bisobanura ko
uwizera wese muri Yesu
aba avukiye mu
muryango
w'Imana.

Birashoboka ko Nikodemu atahise aba intumwa ya Yesu iryo joro. Ariko nyuma y'igihe kirekire, Nikodemu yagaragaje ko akunda kandi ko yizera muri Yesu ubwo yafashaga guhamba umwana w'Imana witanze.

Nyuma y'uru ruzinduko, Yesu n'intumwa ze bakomeza urugendo berekeza mu majyaruguru. Abandi bantu bifuzaga kumva iby'ubwami bw'Imana, kandi bafite amahirwe yo kwizera muri Yesu w'I Nazareti, umwana w'Imana.

Umukuru w'urusengero asura Yesu

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Yohana 2-3, Kubara 21

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130

Iherezo

Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu
nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira ngo none aha mbashe kubona ubuzima bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi! Yohani 3:16